

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Amategeko / Laws / Lois

N° 80/2013 ryo kuwa 11/09/2013

Itegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.....2

N° 80/2013 of 11/09/2013

Law establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and functioning.....2

N°80/2013 du 11/09/2013

Loi portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement2

N° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013

Itegeko rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta.....21

N° 86/2013 of 11/09/2013

Law establishing the general statutes for public service.....21

N° 86/2013 du 11/09/2013

Loi portant statut général de la fonction publique21

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

**ITEGEKO N°80/2013 RYO KUWA
11/09/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO
Y'IGIHUGU ISHINZWE UBUMENYI
N'IKORANABUHANGA RIKANAGENA
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYAYO**

**LAW N°80/2013 OF 11/09/2013
ESTABLISHING THE NATIONAL
COMMISSION OF SCIENCE AND
TECHNOLOGY AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANIZATION AND
FUNCTIONING**

**LOI N°80/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
CREATION DE LA COMMISSION
NATIONALE DE LA SCIENCE ET DE LA
TECHNOLOGIE ET DETERMINANT SES
MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this law

Article premier: Objet de la présente loi

**Ingingo ya 2: Ubumenyi n'Ikoranabuhanga
birebwa n'iri tegeko**

**Article 2: Science and technology to which
this law applies**

**Article 2: Science et technologie, champ
d'application de la présente loi**

Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

Article 3: Legal personality and autonomy

Article 3: Personnalité juridique et autonomie

Ingingo ya 4: Icyicaro cya NCST

Article 4: Head office of NCST

Article 4: Siège de NCST

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA NCST

CHAPTER II: MISSION OF NCST

CHAPITRE II: MISSIONS DE NCST

Ingingo ya 5: Inshingano za NCST

Article 5: Mission of NCST

Article 5: Missions de NCST

**UMUTWE WA III: URWEGO
RUREBERERA NCST N'IMIKORANIRE
N'IZINDI NZEGO**

**CHAPTER III: SUPERVISING
AUTHORITY OF NCST AND
RELATIONSHIP WITH OTHER ORGANS**

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE
NCST ET RELATIONS AVEC
D'AUTRES ORGANES**

Ingingo ya 6: Urwego rureberera NCST

Article 6: Supervising authority of NCST

Article 6: Organe de tutelle de NCST

**Ingingo ya 7: Amasezerano yerekeye
gahunda y'ibikorwa**

Article 7: Performance contract

Article 7: Contrat de performance

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 8: Imikoranire ya NCST n'izindi Nzego

UMUTWE WA IV: INZEGO ZIGIZE NCST, INSHINGANO N'IMIKORERE BYAZO

Ingingo ya 9: Inzego za NCST

Ingingo ya 10: Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Ingingo 12: Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'iya Komite zidahoraho

Ingingo ya 13: Ibigenywa Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bitabiriye inama

Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Ingingo ya 15: Biro ya NCST

Ingingo ya 16: Inshingano za Biro ya NCST

Ingingo ya 17: Inshingano z'abagize Biro ya NCST

Article 8: Relationship between NCST and other organs

CHAPTER IV: ORGANS OF NCST, THEIR RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING

Article 9: Organs of NCST

Article 10: National Science and Technology Council

Article 11: Responsibilities of the National Science and Technology Council

Article 12: Functioning of the National Science and Technology Council and that of Ad hoc Committees

Article 13: Sitting allowances for members of the National Science and Technology Council

Article 14: Incompatibilities with membership of the National Science and Technology Council

Article 15: Bureau of NCST

Article 16: Responsibilities of the Bureau of NCST

Article 17: Responsibilities of members of the Bureau of NCST

Article 8: Relations entre NCST et d'autres organes

CHAPTRE IV: ORGANES DE NCST, LEURS ATTRIBUTIONS ET LEUR FONCTIONNEMENT

Article 9: Organes de NCST

Article 10: Conseil National de la Science et de la Technologie

Article 11: Attributions du Conseil National de la Science et de la Technologie

Article 12: Fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités Ad hoc

Article 13: Jetons de présence des membres du Conseil National de la Science et de la Technologie

Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil National de la Science et de la Technologie

Article 15 : Bureau de NCST

Article 16: Attributions du Bureau de NCST

Article 17: Attributions des membres du Bureau de NCST

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

<u>Ingingo ya 18:</u> Ubuyobozi Bukuru	<u>Article 18:</u> Directorate General	<u>Article 18:</u> Direction Générale
<u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru	<u>Article 19:</u> Responsibilities of the Director General	<u>Article 19:</u> Attributions du Directeur Général
<u>Ingingo ya 20:</u> Sitati igenga abakozi ba NCST n'ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'abakozi	<u>Article 20:</u> Statute governing the staff of NCST and benefits of the Director General and staff	<u>Article 20:</u> Statut régissant le personnel de NCST et appointements accordés au Directeur Général et au personnel
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO WA NCST	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY OF NCST	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE DE NCST
<u>Ingingo ya 21:</u> Umutungo wa NCST n'inkomoko yawo	<u>Article 21:</u> Property of NCST and its sources	<u>Article 21:</u> Patrimoine de NCST et ses sources
<u>Ingingo ya 22:</u> Iyemezwa ry'ingingo y'imari ya NCST	<u>Article 22:</u> Approval of the budget of NCST	<u>Article 22:</u> Adoption du budget de NCST
<u>Ingingo ya 23:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST	<u>Article 23:</u> Use, management and audit of the property of NCST	<u>Article 23:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NCST
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 25:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 25:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 25:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 24:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 24:</u> Repealing provision	<u>Article 24:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 26:</u> Commencement	<u>Article 26:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

**ITEGEKO N°80/2013 RYO KUWA
11/09/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO
Y'IGIHUGU ISHINZWE UBUMENYI
N'IKORANABUHANGA RIKANAGENA
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYAYO**

**LAW N°80/2013 OF 11/09/2013
ESTABLISHING THE NATIONAL
COMMISSION OF SCIENCE AND
TECHNOLOGY AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANIZATION AND
FUNCTIONING**

**LOI N° 80/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
CREATION DE LA COMMISSION
NATIONALE DE LA SCIENCE ET DE LA
TECHNOLOGIE ET DETERMINANT SES
MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Twebwe , KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
25 Nyakanga 2013;

The Chamber of Deputies, in its session of 25
July 2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 25
juillet 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 25
Kamena 2013;

The Senate, in its session of 25 June 2013;

Le Sénat, en sa séance du 25 juin 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu
ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67 iya 88, iya
89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya
176, iya 183, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92,
93, 95, 108, 176, 183 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 95, 108, 176, 183 et 201;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga yitwa "NCST" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

This Law establishes the National Commission of Science and Technology abbreviated as "NCST". It also determines its mission, organization and functioning.

La présente loi porte création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie dénommée «NCST» en sigle anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Ingingo ya 2: Ubumenyi n'Ikoranabuhanga birebwa n'iri tegeko

Article 2: Science and technology to which this Law applies

Article 2: Science et technologie relevant du champ d'application de la présente loi

Ubumenyi n'Ikoranabuhanga birebwa n'iri tegeko ni ubumenyi cyangwa ibikorwa bijyanye n'ibyo abantu bize cyangwa bahuguwemo, ibyo bahanze cyangwa ibyavuye mu ihererekanyabumenyi, bikoreshwa mu rwego rwo guhanga udushya mu byiciro by'imirimo imwe n'imwe yagenwe kandi yihutirwa ikubiye muri gahunda y'Igihugu y'iterambere.

Science and technology to which this law applies shall be knowledge or processes acquired by individuals through learning or training, creation or knowledge transfer, used for the purpose of innovation in some specific and priority areas of employment contained in the national development plan.

La science et la technologie relevant du champ d'application de la présente loi sont des connaissances ou des procédés qu'un individu acquiert par l'apprentissage ou la formation, par la création ou le transfert des connaissances à des fins d'innovation dans certains domaines d'emploi spécifiques et prioritaires contenus dans le plan national de développement.

Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

Article 3: Legal personality and autonomy

Article 3: Personnalité juridique et autonomie

NCST ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'abakozi, imari n'umutungo.

NCST shall have legal personality, administrative and financial autonomy.

NCST est dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 4: icyicaro cya NCST

Icyicaro cya NCST kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda igihe bibaye ngombwa.

NCST ishobora gushyiraho amashami ahandi hose mu Gihugu igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA NCST

Ingingo ya 5: Inshingano za NCST

NCST ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1° kugira inama Guverinoma mu bijyanye na politiki, amategeko n'igenzura mu byerekeye ubumenyi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga udushya; kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'izo politiki n'amategeko;

2° gukorana n'inzego zibifitiye ububasha hagamijwe kugira inama Guverinoma ku bijyanye no kwigisha no guhugura abantu mu byo Igihugu gikeneye birebana n'ubumenyi n'ikoranabuhanga, no gukurikirana uburyo ayo mahugurwa akorwa n'uko abyazwa umusaruro;

Article 4: Head office of NCST

The head office of NCST shall be located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary.

NCST may establish branches elsewhere in the country if considered necessary upon approval by a Prime Minister's Order.

CHAPTER II: MISSION OF NCST

Article 5: Missions of NCST

NCST shall have the following main mission:

1° to advise the Government on policies, legislation and regulation in the fields of science, technology, research and innovation and monitor the implementation of such policies and legislation;

2° to collaborate with competent organs with intention to advise the Government on educating and training people in matters relating to national needs in the fields of science and technology and to make a follow up on the organization and productivity of such training;

Article 4: Siège de NCST

Le siège de NCST est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

NCST peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur approbation par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: MISSIONS DE NCST

Article 5: Missions de NCST

Les principales missions de NCST sont les suivantes :

1° conseiller le Gouvernement en matière de politiques, de législation et de réglementation dans le domaine de la science, de la technologie, de la recherche et de l'innovation et faire le suivi de la mise en application de ces politiques et de cette législation;

2° collaborer avec les organes compétents en vue de conseiller le Gouvernement sur l'adaptation de l'éducation et de la formation aux besoins nationaux dans le domaine de la science et de la technologie et faire le suivi de l'organisation et de la mise à profit de cette formation;

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

- | | | |
|--|---|--|
| 3° gukurikirana ko abantu bize cyangwa bahuguwe mu Rwanda cyangwa mu mahanga mu bijyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga boroherewe kwinjira mu mirimo kugira ngo bakore ku buryo bw'umwuga kandi butanga umusaruro mu gihugu cyabo; | 3° to ensure that people who are educated or trained in Rwanda or abroad in the fields of science and technology are facilitated to enter the labour market in order to work professionally and stay productive for the benefit of their country; | 3° veiller à ce que les personnes ayant étudié ou ayant été formées au Rwanda ou à l'étranger dans le domaine de la science et de la technologie soient facilitées à entrer sur le marché du travail pour qu'elles puissent faire preuve de professionnalisme et de productivité dans leur pays; |
| 4° gusuzuma, kugaragaza no gushyigikira ibitekerezo bishya byagirira Igihugu akamaro mu bijyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga, binyuze mu kubyaza umusaruro impano abantu bafite; | 4° to examine, identify and support new initiatives that may be useful for the country in the fields of science and technology through investment in people's potential; | 4° examiner, identifier et soutenir de nouvelles initiatives susceptibles d'être utiles pour le pays dans le domaine de la science et de la technologie à travers l'investissement dans le potentiel des gens; |
| 5° gukora isesengura ku miterere n'imikoreshereze myiza by'umutungo n'ibikorwa remezo by'Igihugu, hagamijwe gushyigikira ubumenyi n'ikoranabuhanga n'uburyo bikoreshwa mu guhanga udushya mu buryo burambye; | 5° to carry out an analysis of the nature and effective use of national resources and infrastructure in order to support science and technology as well as their innovative use in a sustainable manner; | 5° mener une analyse de la nature et de l'utilisation efficace des ressources et des infrastructures nationales en vue de soutenir la science et la technologie ainsi que leur utilisation innovatrice de façon durable; |
| 6° gushyiraho, gushyira ku gihe, no kumenyekanisha ububiko bwihariye bugaragaza ubumenyi buri mu Gihugu n'ubukenewe mu bijyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga; | 6° to establish, update and disseminate specific database of skills available and those needed in the country in the fields of science and technology; | 6° établir, mettre à jour et diffuser une base de données spécifique des compétences disponibles et celles dont on a besoin au pays dans le domaine de la science et la technologie ; |
| 7° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byateye imbere byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano; | 7° to cooperate and collaborate with other advanced regional and international institutions of excellence with similar mission; | 7° coopérer et collaborer avec d'autres institutions de renom au niveau régional et international ayant des missions similaires; |
| 8° gutegura no kumenyekanisha raporo y'umwaka ku miterere y'ubumenyi | 8° to prepare and disseminate annual report on the state of science and technology. | 8° préparer et diffuser le rapport annuel sur l'état de la science et la technologie. |

n'ikorabuhanga.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA NCST N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF NCST AND RELATIONSHIP WITH OTHER ORGANS

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE NCST ET RELATIONS AVEC D'AUTRES ORGANES

Ingingo ya 6: Urwego rureberera NCST

NCST irebererwa na Serivisi za Minisitiri w'Intebe.

Article 6: Supervising authority of NCST

NCST shall be supervised by the Office of the Prime Minister.

Article 6: Organe de tutelle de NCST

NCST est placée sous la tutelle des Services du Premier Ministre.

Ingingo ya 7: Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Ubuyobozi Bukuru bwa NCST bugirana na Serivisi za Minisitiri w'Intebe amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa, ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza NCST ku nshingano zayo.

Article 7: Performance contract

There shall be concluded between the Directorate General of NCST and the Office of the Prime Minister a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for NCST to fulfil its mission.

Article 7: Contrat de performance

Il est conclu entre la Direction Générale de NCST et les Services du Premier Ministre un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation des missions de NCST.

Ayo masezerano amara igihe kingana n'umwaka umwe (1) w'ingengo y'imari.

The contract shall be valid for a period of one fiscal year.

Ce contrat est valide pour une durée d'un exercice budgétaire.

Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agomba kugaragaza ku buryo burambuye ibi bikurikira:

The performance contract must provide detailed information about the following:

Le contrat de performance doit préciser en détail ce qui suit :

1° inshingano za NCST;

1° responsibilities of NCST;

1° les attributions de NCST;

2° intego NCST igomba kugeraho;

2° objectives to be attained by NCST;

2° les objectifs devant être réalisés par NCST;

3° inkomoko y'umutungo, imikoreshereze

3° the source and use of the property as well as

3° la source et l'utilisation du patrimoine

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

yawo n'uburyo buhoraho bwo kuwugenzura;

4° imikorere ya NCST.

Ingingo ya 8: Imikoranire ya NCST n'izindi Nzego

NCST ikorana n'Inzego za Leta n'iz'Abikorera mu bikorwa biyifasha kugera ku nshingano zayo.

UMUTWE WA IV: INZEGO ZIGIZE NCST, INSHINGANO N'IMIKORERE BYAZO

Ingingo ya 9: Inzego za NCST

NCST igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

- 1° Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;
- 2° Biro ya NCST;
- 3° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere y'imyanya y'imirimo ya NCST.

modalities for its continuous audit;

4° the functioning of NCST.

Article 8: Relationship between NCST and other organs

NCST shall collaborate with public and private organs as part of activities that enable it to fulfil its mission.

CHAPTER IV: ORGANS OF NCST, THEIR RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING

Article 9: Organs of NCST

NCST shall be composed of the following management organs:

- 1° the National Science and Technology Council;
- 2° the Bureau of NCST;
- 3° the Directorate General.

A Prime Minister's Order shall determine the organizational structure of NCST.

ainsi que les modalités de son audit permanent;

4° le fonctionnement de NCST.

Article 8: Relations entre NCST et d'autres organes

NCST collabore avec les organes publics et privés dans le cadre des activités lui permettant de réaliser ses missions.

CHAPITRE IV: ORGANES DE NCST, LEURS ATTRIBUTIONS ET LEUR FONCTIONNEMENT

Article 9: Organes de NCST

NCST est composée des organes de direction suivants :

- 1° le Conseil National de la Science et de la Technologie;
- 2° le Bureau de NCST;
- 3° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure organisationnelle de NCST.

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 10: Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga batoranywa mu nzego za Leta n'iz'abikorera baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bari mu Rwanda cyangwa hanze yarwo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bagomba kuba ari abagore.

Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga barimo Perezida na ba Visi-Perezida babiri (2), bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga ifite inshingano zikurikira:

- 1° gutanga umurongo ngenderwaho wa NCST;
- 2° gutanga inama zituma NCST igera ku nshingano zayo;
- 3° kugena ibyiciro by'imirimo bigomba kwitabwaho cyane mu mikoreshereze y'ubumenyi n'ikoranabuhanga;

Article 10: National Science and Technology Council

Members of the National Science and Technology Council shall be selected from the public and private sector and may be Rwandan or foreign nationals living in or outside Rwanda.

At least thirty per cent (30%) of the members of the National Science and Technology Council shall be females.

Members of the National Science and Technology Council shall include a Chairperson and two (2) Deputy Chairpersons and be appointed by a Presidential Order.

Article 11: Responsibilities of the National Science and Technology Council

The National Science and Technology Council shall have the following responsibilities:

- 1° to establish the guidelines to be followed by NCST;
- 2° to provide advice that enables NCST to fulfil its mission;
- 3° to determine the categories of activities to be given priority in the use of science and technology;

Article 10: Conseil National de la Science et de la Technologie

Les membres du Conseil National de la Science et de la Technologie sont choisis parmi les personnes travaillant au sein du secteur public et privé et peuvent être des Rwandais ou des étrangers se trouvant au Rwanda ou à l'étranger.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil National de la Science et de la Technologie doivent être de sexe féminin.

Les membres du Conseil National de la Science et de la Technologie comprennent un Président et deux (2) Vice-présidents et sont nommés par arrêté présidentiel.

Article 11: Attributions du Conseil National de la Science et de la Technologie

Le Conseil National de la Science et de la Technologie a les attributions suivantes :

- 1° fixer la ligne directrice de NCST;
- 2° donner des conseils permettant à NCST d'accomplir ses missions;
- 3° déterminer les catégories des activités devant être prioritaires dans l'utilisation de la science et de la technologie;

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

- | | | |
|--|---|---|
| 4° kwemeza raporo, igenamigambi na gahunda y'ibikorwa bya NCST; | 4° to adopt the report, planning and the plan of action of NCST; | 4° adopter le rapport, la planification et le plan d'activités de NCST; |
| 5° kwemeza amategeko ngengamikorere ya NCST; | 5° to approve the Internal Rules and Regulations of NCST; | 5° adopter le règlement d'ordre intérieur de NCST; |
| 6° kwemeza imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari ya NCST; | 6° to approve the draft budget proposal of NCST; | 6° adopter l'avant-projet de budget de NCST; |
| 7° kugenzura imikorere y'Ubuyobozi Bukuru bwa NCST; | 7° to oversee the functioning of the Directorate General of NCST; | 7° superviser le fonctionnement de la Direction Générale de NCST; |
| 8° gushyiraho no kugena inshingano za Komite zidahoraho zishinzwe kwiga ibibazo byihariye; | 8° to establish ad hoc committees and define their responsibilities; | 8° mettre en place des comités ad hoc chargés d'examiner des questions particulières et fixer leurs attributions; |
| 9° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose byinjira mu murongo w'inshingano za NCST. | 9° to take decisions on all other matters falling within the mission of NCST. | 9° prendre des décisions sur toutes les autres questions relevant des missions de NCST. |

Ingingo 12: Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'iya Komite zidahoraho

Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga iterana rimwe mu gihembwe mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo.

Ubutumire bw'inama isanzwe bukorwa mu nyandiko, bukagezwa ku bagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) kugira

Article 12: Functioning of the National Science and Technology Council and that of Ad hoc Committees

The National Science and Technology Council shall meet in an ordinary session once a quarter and in an extraordinary session whenever necessary. It shall be convened and chaired by its Chairperson.

The invitation to the ordinary meeting shall be in writing and reach members of the National Science and Technology Council at least fifteen (15) days before the meeting is held.

Article 12: Fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités Ad hoc

Le Conseil National de la Science et de la Technologie se réunit en session ordinaire une fois par trimestre et en session extraordinaire chaque fois que de besoin. Il est convoqué et dirigé par son Président.

L'invitation à la réunion ordinaire est adressée par écrit et doit parvenir aux membres du Conseil National de la Science et de la Technologie au moins quinze (15) jours avant la tenue de la

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumirwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana.

Perezida w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, ashobora gutumira mu nama undi muntu wese w'inzobere ushobora kuyungura ibitekerezo ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

Iyo bibaye ngombwa, bitewe n'ibibazo birebana n'ibyiciro byihariye, Perezida w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, ashobora gutumiza inama y'abagize icyiciro cyihariye. Imyanzuro y'iyo nama ishyikirizwa abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi kugira ngo bayemeze.

Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'iya Komite zidahoraho n'uko ibyemezo bifatwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NCST.

However, the extraordinary meeting shall be convened in writing at least seven (7) days before the meeting is held.

The Chairperson of the National Science and Technology Council may invite to the meeting any resource person from whom it may seek advice on any item on the agenda. The invitee shall have no voting right and not participate in the consideration of other items on the agenda.

The Chairperson of the National Science and Technology Council may, where necessary and in case of specific issues, convene a meeting of specialists in a specific field. The resolutions of such a meeting shall be submitted to members of the National Science and Technology Council for approval.

The functioning of the National Science and Technology Council and that of the Ad hoc Committees as well as modalities for taking its decisions shall be determined by the Internal Rules and Regulations of NCST.

réunion.

Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion.

Le Président du Conseil National de la Science et de la Technologie peut inviter à la réunion toute personne ressource susceptible d'être consultée sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. La personne ainsi invitée n'a pas de voix délibérative et ne peut participer à l'examen d'autres points inscrits à l'ordre du jour.

Le Président du Conseil National de la Science et de la Technologie peut, en cas de questions relatives aux domaines particuliers, convoquer la réunion des personnes spécialisées dans un domaine particulier. Les résolutions de cette réunion sont soumises aux membres du Conseil National de la Science et de la Technologie pour approbation.

Le fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités ad hoc ainsi que les modalités de prise de ses décisions sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de NCST.

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 13: Ibigenerwa Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bitabiriye inama

Itaka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bitabiriye inama z'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga.

Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri NCST.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na NCST.

Ingingo ya 15: Biro ya NCST

Biro ya NCST igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2).

Ingingo ya 16: Inshingano za Biro ya NCST

Inshingano za Biro ya NCST ni izi zikurikira:

Article 13: Sitting allowances for members of the National Science and Technology Council

A Presidential Order shall determine sitting allowances for members of the National Science and Technology Council present in the meetings of the National Science and Technology Council.

Article 14: Incompatibilities with membership of the National Science and Technology Council

Members of the National Science and Technology Council shall not be allowed to perform any remunerated activity within NCST.

They shall also not be allowed, either individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of NCST.

Article 15: Bureau of NCST

The Bureau of NCST shall be composed of a Chairperson and two (2) Deputy Chairpersons.

Article 16: Responsibilities of the Bureau of NCST

The Bureau of NCST shall have the following responsibilities:

Article 13: Jetons de présence des membres du Conseil National de la Science et de la Technologie

Les jetons de présence accordés aux membres du Conseil National de la Science et de la Technologie présents aux réunions du Conseil National de la Science et de la Technologie sont déterminés par arrêté présidentiel.

Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil National de la Science et de la Technologie

Les membres du Conseil National de la Science et de la Technologie ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de NCST.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement, soit les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de NCST.

Article 15 : Bureau de NCST

Le Bureau de NCST est composé d'un Président et de deux (2) Vice-présidents.

Article 16: Attributions du Bureau de NCST

Les attributions du Bureau de NCST sont les suivantes :

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

- 1° kuyobora imirimo y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga;
- 2° gutegura inama z’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga;
- 3° gufata ibyemezo byihutirwa igihe Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga itabashije guterana, bikemezwa burundu n’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga mu nama ikurikira;
- 4° gukora indi mirimo yahabwa n’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga.

- 1° to direct activities of the National Science and Technology Council;
- 2° to prepare the meetings of the National Science and Technology Council;
- 3° to take urgent decisions in case the National Science and Technology Council is unable to meet and submit such decisions to the next meeting of the National Science and Technology Council for final approval;
- 4° to perform any other duties as may be assigned by the National Science and Technology Council.

- 1° diriger les activités du Conseil National de la Science et de la Technologie;
- 2° préparer les réunions du Conseil National de la Science et de la Technologie;
- 3° prendre des décisions urgentes en cas d’incapacité du Conseil National de la Science et de la Technologie à siéger, lesquelles décisions sont soumises à l’approbation définitive du Conseil National de la Science et de la Technologie lors de sa réunion suivante;
- 4° exécuter toute autre tâche qui pourrait lui être assignée par le Conseil National de la Science et de la Technologie.

Ingingo ya 17: Inshingano z’abagize Biro ya NCST

Amategeko ngengamikorere ya NCST ateganya inshingano z’abagize Biro ya NCST.

Ingingo ya 18: Ubuyobozi Bukuru

Ubuyobozi Bukuru bwa NCST buyoborwa n’Umuyobozi Mukuru wa NCST ushyirwaho n’Iteka rya Perezida.

Article 17: Responsibilities of members of the Bureau of NCST

The Internal Rules and Regulations of NCST shall determine the responsibilities of members of the Bureau of NCST.

Article 18: Directorate General

The Directorate General of NCST shall be headed by the Director General of NCST appointed by a Presidential Order.

Article 17: Attributions des membres du Bureau de NCST

Les attributions des membres du Bureau de NCST sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur de NCST.

Article 18: Direction Générale

La Direction Générale de NCST est dirigée par le Directeur Général de NCST nommé par arrêté présidentiel.

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 19: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru

Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhagararira NCST imbere y'amategeko;
- 2° gushyikirana n'ibigo cyangwa izindi nzego byo mu Gihugu no mu mahanga bifitanye isano na NCST;
- 3° gutunganya no guhuza ibikorwa byose byo mu Buyobozi Bukuru;
- 4° gushyira mu bikorwa inshingano za NCST no gukurikirana imirimo ya buri muni ya NCST;
- 5° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'ibya Biro ya NCST;
- 6° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya NCST no gutanga raporo yabyo ;
- 7° kuba umwanditsi w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga na Biro ya NCST no kubika inyandiko za NCST;

Article 19: Responsibilities of the Director General

The Director General shall have the following responsibilities:

- 1° to serve as the legal representative of NCST;
- 2° to cooperate with other institutions or organs related to NCST in Rwanda or abroad;
- 3° to organize and coordinate all the activities of the Directorate General;
- 4° to ensure the accomplishment of the responsibilities of NCST and monitor the daily activities of NCST;
- 5° to implement the decisions of the National Science and Technology Council and those of the Bureau of NCST ;
- 6° to manage staff, equipment and property of NCST and submit a report thereon;
- 7° to serve as the rapporteur of the National Science and Technology Council and that of the Bureau of NCST and keep documents of NCST;

Article 19: Attributions du Directeur Général

Le Directeur Général a les attributions suivantes :

- 1° être le représentant légal de NCST;
- 2° établir des liens avec d'autres institutions ou organes homologues basés au Rwanda ou à l'étranger;
- 3° organiser et coordonner toutes les activités de la Direction Générale;
- 4° assurer l'accomplissement des attributions de NCST et faire le suivi des activités quotidiennes de NCST;
- 5° appliquer les décisions du Conseil National de la Science et de la Technologie et celles du Bureau de NCST;
- 6° gérer le personnel, le matériel et le patrimoine de NCST et transmettre un rapport y relatif;
- 7° être le rapporteur du Conseil National de la Science et de la Technologie et du Bureau de NCST et assurer la tenue des documents de NCST;

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

8° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa akabishyikiriza Inzego zibishinzwe byemezwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;

9° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NCST yemezwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;

10° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NCST;

11° gushyira mu bikorwa imikoreshereze y'ingengo y'imari ya NCST;

12° gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano ze yasabwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga cyangwa Biro ya NCST.

8° to prepare a plan of action and activity report to be approved by the National Science and Technology Council and submit them to the relevant competent organs;

9° to prepare the draft Internal Rules and Regulations of NCST to be approved by the National Science and Technology Council;

10° to prepare the draft budget proposal of NCST;

11° to ensure the execution of the budget of NCST;

12° to perform such other duties related to his/her responsibilities as may be assigned by the National Science and Technology Council or the Bureau of NCST.

8° préparer le plan d'activités et le rapport d'activités devant être soumis à l'approbation du Conseil National de la Science et de la Technologie et les soumettre aux organes compétents;

9° élaborer le projet du règlement d'ordre intérieur de NCST devant être soumis à l'approbation du Conseil National de la Science et de la Technologie;

10° élaborer l'avant-projet de budget de NCST;

11° assurer l'exécution du budget de NCST;

12° accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions qui pourrait lui être assignée par le Conseil National de la Science et de la Technologie ou par le Bureau de NCST.

Ingingo ya 20: Sitati igenga abakozi ba NCST n'ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'abakozi

Abakozi ba NCST bashyirwaho kandi bagacungwa hakurikijwe Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta

Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'abakozi ba NCST, bigenwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 20: Statute governing the staff of NCST and benefits of the Director General and staff

The staff of NCST shall be appointed and managed in accordance with the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to the Director General and staff members of NCST shall be determined in accordance with relevant legal provisions.

Article 20: Statut régissant le personnel de NCST et appointements accordés au Directeur Général et au personnel

Le personnel de NCST est recruté et géré conformément au Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Les appointements accordés au Directeur Général et aux membres du personnel de NCST sont déterminés conformément aux dispositions

légales en la matière.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA NCST

CHAPTER V: PROPERTY OF NCST

CHAPITRE V: PATRIMOINE DE NCST

Ingingo ya 21: Umutungo wa NCST n'inkomoko yawo

Article 21: Property of NCST and its sources

Article 21: Patrimoine de NCST et ses sources

Umutungo wa NCST ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

The property of NCST shall be comprised of movables and immovables.

Le patrimoine de NCST comprend les biens meubles et immeubles.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

It shall come from the following sources:

Il provient des sources suivantes:

1° impano n'indangano;

1° donations and bequests;

1° dons et legs ;

2° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

2° State budget allocations;

2° dotations budgétaires de l'Etat;

3° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

3° Government or partners' subsidies;

3° subventions de l'Etat ou des partenaires;

4° ibituruka ku mirimo ikora;

4° proceeds from services rendered;

4° produits des services prestés;

5° inyungu ku mutungo wayo;

5° interests from its property;

5° revenus de son patrimoine;

6° inguzanyo zihabwa NCST zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

6° loans granted to NCST and approved by the Minister in charge of finance.

6° les prêts accordés à NCST approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Ingingo ya 22: Iyemezwa ry'ingengo y'imari ya NCST

Article 22: Approval of the budget of NCST

Article 22: Adoption du budget de NCST

Ingengo y'imari ya NCST yemezwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The budget of NCST shall be approved in accordance with relevant laws.

Le budget de NCST est adopté conformément aux dispositions légales en la matière.

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Ingingo ya 23: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bwite bwa NCST bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa NCST buha raporo Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa NCST.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 26: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya

Article 23: Use, management and audit of the property of NCST

The property of NCST shall be used, managed and audited in accordance with relevant laws.

The internal audit department of NCST which is responsible for daily audit of the property of NCST shall submit a report to the National Science and Technology Council and reserve a copy to the Directorate General of NCST.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 25: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 26: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the

Article 23: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NCST

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de NCST sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne chargé de l'audit journalier du patrimoine de NCST transmet son rapport au Conseil National de la Science et de la Technologie avec copie au Directeur Général de NCST.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 25: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 26: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repbulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Republic of Rwanda.

Kigali, on **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

du Rwanda.

Kigali, le **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°86/2013 RYO KUWA 11/09/2013
RISHYIRAHU SITATI RUSANGE IGENGA
ABAKOZI BA LETA

LAW N°86/2013 OF 11/09/2013
ESTABLISHING THE GENERAL
STATUTES FOR PUBLIC SERVICE

LOI N° 86/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
STATUT GENERAL DE LA FONCTION
PUBLIQUE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe, abagengwa
n'iri tegeko n'ibisobanuro by'amagambo

Section One: Purpose, scope of this Law and
definitions

Section première: Objet, champ
d'application de la présente loi et définitions

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

Article 2: Champ d'application de la
présente loi

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Icyiciro cya 2: Ububasha mu micungire
y'abakozi ba Leta

Section 2: Competence in public service
management

Section 2: Compétence en matière de gestion
des agents de l'Etat

Ingingo ya 4: Umuyobozi ufite ububasha

Article 4: Competent authority

Article 4: Autorité compétente

Icyiciro cya 3: Igereranya ry'imirimo

Section 3: Comparison of jobs

Section 3: Comparaison des emplois

Ingingo ya 5: Urutonde rw'imirimo

Article 5: Job classification

Article 5: Classification des emplois

UMUTWE WA II: KWINJIZA ABAKOZI
MU MIRIMO

CHAPTER II: RECRUITMENT

CHAPITRE II: RECRUTEMENT

Official Gazette n° 42 bis of 21/10/2013

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibishingirwaho mu gutanga umurimo	<u>Article 6:</u> Requirements for recruitment	<u>Article 6:</u> Conditions de recrutement
<u>Ingingo ya 7:</u> Iyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta	<u>Article 7:</u> Requirements for being integrated in the public service	<u>Article 7:</u> Conditions pour être intégré dans la fonction publique
